Umwe muri umwe uzabona ikibi gikorwa ajye agikuzaho ukuboko kwe, natabishobora akoreshe ururimi rwe, natabishobora ababare ku mutima, ariko uko ni ukwemera gucirirtse

Hadithi yaturutse kwa Abi Said Al Khudriy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Umwe muri umwe uzabona ikibi gikorwa ajye agikuzaho ukuboko kwe, natabishobora akoreshe ururimi rwe, natabishobora ababare ku mutima, ariko uko ni ukwemera gucirirtse."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iradutegeka gukosora ikibi icyo ari cyo cyose Allah yabujije ndetse n'Intumwa y'Imana yabujije, ariko bikagendana n'ubushobozi. Bityo iyo abonye ikibi ni ngombwa ko agikuraho akoresheje ukuboko igihe abishoboye. Iyo atabishoboye icyo kibi agikuzaho ururimi akabuza ugikora ndetse akanamugaragariza ingaruka zacyo akanamuyobora inzira iganisha ku cyiza aho gukora ikibi. Iyo nabyo atabishoboye, ababara ku mutima akacyanga ndetse akanagira umugambi w'uko iyo ashobora ku gikuraho yari kugikuraho. Ariko uko kubabara ku mutima ni rwo rwego rwa nyuma mu nzego zo gukuraho ikibi.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/65001